

**IMYANZURO Y'INAMA Y'ISHYIRAHAMWE RY'UTURERE,  
IMIJIYI N'UMUJIYI WA KIGALI MU RWANDA YATERANIYE I  
MURAMBI – GITARAMA KUWA KUWA 9 KUGERA KUWA 11  
NYAKANGA 2003**

Abayobozi bahagarariye Uturere, Imijiyi n'Umujiyi wa Kigali mu Rwanda bateraniye i Murambi ya Gitarama kuwa 9 – 11 Nyakanga 2003 baganiriye ku ngingo zikurikira:

1. *Ikiganiro cy'Umunyamabanga wa Leta muri MINALOC ushinzwe Imiyoborere Myiza*: yabaganiriye ku mahame Politiki ya "Decentralisation" igenderaho no, ku miyoborere myiza, ashimangira ibijyanye n'umuco wo gutsinda.

2. *Ikiganiro na Perezida wa Komisiyo y'Amatora mu rwego rw'Igihugu*, yagaragaje uruhare rw'abayobozi mu gutegura amatora.

3. *Ikiganiro n'Umuyobozi wa CDF*: yabasabye kwitabira gukora imishinga no kuyitangira igihe, kandi agaragaza ko igikorwa cy'amajyambere gikwiye gushyirwa imbere muri gahunda z'abayobozi.

4. *Ikiganiro n'umuhuza w'imishinga ikorana na "Decentralisation"*: mu kiganiro cye, yasobanuriye iyo mishinga iyo ariyo n'aho ikorera.

5. *Ikiganiro na Komisiyo yo gusezerera abavuye ku rugerero* : cyibanze ku bintu byangombwa kugirango ubufatanye bw'iyi Komisiyo n'inzego z'ibanze bugende neza.

6. *Ikiganiro n'uhagarariye Ikigo cya "Rwanda Revenue Authority"*. Yababwiye ko itegeko rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'Uturere/Imijiyi ryavuguruwe, ababwira ingingo z'ingenzi zavuguruwemo.

7. Gusomerwa inyandiko mvugo y'Inteko Rusange yateranye kuri 27-29/07/2002

8. Gusomerwa raporo y'ibyakozwe 2002-2003

9. Gusomerwa raporo y'uko imari yakiriwe ikanakoreshwa

10. Kwerekwa ikirangatego cy'Ishyirahamwe cyatoranijwe na Komite Nyobozi.

11. Kwerekwa uko imisanzu izaba iteye nk'uko yemejwe na Komite Nyobozi.

12. Kwerekwa sitati nk'uko yakosowe kugeza ubu .

13. Kwerekwa ibiteganijwe gukorwa mu 2004.

14. Kwerekwa ingengo y'imari 2003.

Mu gusoza imirimo y'inama, abayobozi bahagarariye Uturere, Imijyi n'Umujyi wa Kigali:

1. Bamaze gusomerwa Inyandiko mvugo y'Inteko Rusange yateranye ku italiki ya 27-29/07/2002, bamaze kuyikorera ubugororangingo, yaremejwe.
2. Bemeje raporo y'ibyakozwe 2002-2003.
3. Bemeje raporo y'imari yakiriwe ikanakoreshwa.
4. Nyuma y'ibisobanuro byatanzwe na Perezida wa RALGA, bemeje ikirangatengo cy'Ishyirahamwe.
5. Nyuma y'ibisobanuro byatanzwe na Perezida wa RALGA, bemeje imisanzu izatangwa.
6. Nyuma yo kwerekwa sitati nk'uko yakosowe, barayemeje.
7. Bamaze kwerekwa ibiteganyijwe gukorwa mu 2004 bimaze gusobanurwa na Perezida, byaremejwe.
8. Bahaye Komite Nyobozi uburenganzira bwo kuzemeza ingengo y'imari y'i 2004.
9. Bishimiye uburyo inama yateguwe n'uburyo ibiganiro byatanzwe muri rusange.

Inama yarangije imirimo yayo ku wa 11 Nyakanga 2003 saa munani, isozwa na Bwana KAMPAYANA Augustin, Perezida w'Ishyirahamwe ry'Uturere, Imijyi n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA).

Umwanditsi w'inama

**SERUBANZA Faustin**

**Umunyamabanga wa RALGA**

Umuyobozi w'Inama

**KAMPAYANA Augustin**

**Perezida wa RALGA**